**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

***IFISHI IGENDANA N'INYANDIKOMVUGO***

**INYANDIKOMVUGO N° 04/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YA SENA YO KU WA 08 UKWAKIRA 2024 (15H00)**

**LISITI Y'ABAFASHE IJAMBO**

1. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
2. Senateri BIDERI John Bonds
3. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
4. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
5. Senateri KANZIZA Epiphanie
6. Senateri RUGIRA Amandin

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

**INYANDIKOMVUGO N° 04/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 08 UKWAKIRA 2024 (15H00)**

**YEREKEYE**:

- **Kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NDENGA Muheto Jules usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege (ATL).**

Inama y'Inteko Rusange yatangiye i saa cyenda (15h00) iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier.

**Hari Abasenateri bakurikira:**

1. Senateri BIDERI John Bonds
2. Senateri CYITATIRE Sosthène
3. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
4. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
5. Senateri KAITESI Usta
6. Senateri KANZIZA Epiphanie
7. Senateri MUGISHA Alexis
8. Senateri MUKABALISA Donatille
9. Senateri MUKABARAMBA Alvera, Visi Perezida wa Sena
10. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
11. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
12. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose
13. Senateri NGARAMBE Telesphore
14. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
15. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence
16. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia
17. Senateri NYIRAHABIMANA Soline, Visi Perezida wa Sena
18. Senateri NYIRASAFARI Espérance
19. Senateri RUGIRA Amandin
20. Senateri TWAHIRWA André
21. Senateri UMUHIRE Adrie
22. Senateri UWERA Pélagie
23. Senateri UWIMBABAZI Penine
24. Senateri UWIZEYIMANA Evode

**Umusenateri utaritabiriye inama y'Inteko Rusange afite impamvu:**

1. Senateri GAHAMANYI Bibiane Mbaye

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, mwiriwe!

Ndagira ngo mbere yo gutangira mbanze kubashimira ko mwitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange y'uyu munsi ku itariki ya 08 Ukwakira 2024.

Tukaba turi Abasenateri 25, bityo tukaba dukwije umubare wa ngombwa kugira ngo y'Inteko Rusange ibashe guterana mu buryo bukurikije amategeko.

Ba Nyakubahwa kuri gahunda y'uyu munsi hateganyijwe ingingo imwe yerekeye kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NDENGA Muheto Jules usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege.

Nkaba muri aka kanya ngira ngo nsabe abagize Biro ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuza mu mwanya wabugenewe kugira ngo bageze ku Nteko Rusange raporo ya Komisiyo.

Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ijambo ni iryanyu.

**Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NSENGIYUMVA Fulgence**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena kuduha umwanya kugira ngo tugeze ku Nteko Rusange raporo ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NDENGA Muheto Jules usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete ishinzwe gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege (ATL).

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, koko iyi dosiye twarayisuzumye dukoresheje uburyo bukurikira nk'uko mubibona hari ugusuzuma inshingano z'iyo sosiyete, ugusuzuma umwirondoro w'usabirwa kwemezwa ndetse no kugirana ikiganiro na we.

Iyo sosiyete ATL (Aviation Travel and Logistics Holding Limited) yashyizweho n'amabwiriza yo muri 2017 agenga amasosiyete, aho ayo mabwiriza agaragaza ko afite sosiyete eshanu ziyishamikiyeho ari zo ziriya tugaragaza: *RwandAir*; Kompanyi y'Ibibuga by'Indege mu Gihugu (Rwanda Airports Company), *Akagera Aviation* ishinzwe ubintu by'amahugurwa no kwigisha ibyo gutwara indege, *Rwanda Tours and Events* na *Rwanda Links Logistics*.

Mu by'ukuri iyo ubona ziriya sosiyete ziyishamikiyeho, ni na ho hagaragara inshingano z'iyo sosiyete, aho harimo gutwara abantu n'ibintu hifashishijwe indege, gutanga serivisi zishamikiye ku gutwara abantu n'ibintu mu ndege, gutwara no kubika ibicuruzwa, gutwara ubutumwa bw'abakiriya no kwigisha ibyerekeranye no gutwara indege nk'uko nari mbivuze.

Usabirwa kwemezwa rero ni NDENGA Muheto Jules, akaba yaravutse mu 1969, ni Umunyarwanda arubatse, akaba afite “Master’s in Science in Construction Management” yavanye muri “Université” yo mu Bwongereza, ariko akaba yaranize mu byerekeranye n’ubwubatsi muri “Université” Nkuru y’Igihugu, yayirangijemo muri 1997.

Yakoze imirimo rero itandukanye nk’uko umwirondoro we ubigaragaza. Kuva mu Kwakira 2017 kugeza ubu, ni we wari Umuyobozi Mukuru w’agateganyo w’iyi Sosiyete tuvuga (ATL). Ndetse muri 2017 mu mezi nk’abiri mbere yuko aba Umuyobozi Mukuru wungirije, yari akuriye ibikorwa rusange by’iyo sosiyete. Akaba yarabaye n’Umuhuzabikorwa w’umushinga muri Minisiteri y’Ibikorwa remezo, akora no muri Minisiteri y’Imari n’Igenamigambi ndetse yanakoze no mu Rugaga rw’Abikorera mu Rwanda n’indi mirimo yakoze akirangiza muri Kaminuza.

Twagiranye rero ikiganiro, ikiganiro kikaba cyaribanze ku ngingo nk’eshatu, aho twarebaga koko amashuri yize n’imirimo yakoze bizamufasha kuzuza inshingano asabwa kujyamo ndetse ngo atugaragarize n’imigabo n’imigambi afite kuri izo nshingano asabwa kuzuza.

Tukaba rero dushingiye ku byo twaganiriye ndetse n’ibyo tuzi kuri iyi sosiyete na ziriya ziyishamikiyeho hari n’inama twamugiriye.

Ku byerekeranye n’icya mbere cy’uko amashuri yize n’imirimo yakoze bizamufasha kuzuza inshingano muri iyi sosiyete ibumbye ziriya ntoya ziyishamikiyeho, mu by’ukuri urabona ko yize ibijyanye n’ubwubatsi muri Kaminuza ariko yongeraho n’amasomo y’imicungire y’imishinga nk’uko twabigaragaje mu mwirondoro we. Yabonye kandi amahugurwa menshi yamufashije kunguka ubumenyi ku mikorere ya sosiyete zitwara abantu n’ibintu mu ndege. Koko nk’uko nabivuze yari umuyobozi w’agateganyo kuva mu myaka hafi irindwi akora mu buyobozi bw’iyi sosiyete.

Nk’uko nabivuze yigeze kuba Umuyobozi ukuriye imirimo rusange ariko no muri iyi myaka isaga irindwi, yari Umuyobozi w’agateganyo. Akaba yarasuye zimwe muri sosiyete zo mu mahanga zikora imirimo nk’iya ATL, ibyerekeranye no gutwara abantu n’ibyo nagaragaje ziriya sosiyete ziyishamikiyeho azaba ashinzwe guhuza.

Nkumva rero mu by’ukuri ku by’amashuri yize n’imirimo yakoze twarabonaga byaramwubakiye ubushobozi n’ubunararibonye, bimuha kumenya ibyo ATL ikeneye kugira ngo irusheho kunoza imikorere no gutera imbere mu buryo burambye.

Nk’umuntu rero ukoze muri iyi sosiyete, muri iki kigo mu gihe kirekire nk’uko nabivugaga yatugaragarije n’imigabo n’imigambi uko yumva uburyo sosiyete yatera imbere. Murabizi *Qatar Airways* ifitanye ubufatanye n’u Rwanda, ikaba ifite hafi imigabane mirongo ine n’icyenda muri *RwandAir*. We rero akavuga ko rwose azakorana na yo bya hafi nk’umufatanyabikorwa uzobereye mu gutwara abantu n’ibintu mu ndege, ndetse bakanasangira ubunararibonye mu micungire iboneye ya sosiyete yo gutwara abantu n’ibintu mu ndege.

Hari ukubaka ubushobozi bw’abakozi mu bijyanye no gutwara abantu n’indege birumvikana, kwifashisha ikoranabuhanga rigezweho mu gutegura no gutanga ku gihe raporo z’ibaruramari, kwihutisha imirimo yo kubaka ikibuga cy’indege cya Bugesera kikazatangira gukora bitarenze

muri 2028, aha ngaha ni byo yatubwiraga ko muri gahunda iriho ni uko kuva 2028 cyatangira gukora.

Hari kandi gufatanya n'abafatanyabikorwa gusimbuza indege zishaje no kugura izindi nshya kugira ngo bifashe guha abakiriya serivisi nziza no kugera ku byerekezo bitandukanye by'Isi. Abafatanyabikorwa twavuga nk'iyo *Qatar Airways* cyangwa se Leta y'u Rwanda kugira ngo indege ari izishaje zisimbuzwe cyangwa se n'izindi nshya ziboneke kugira ngo habe ibyerekezo bitandukanye by'Isi.

Kurushaho kunoza serivisi zo gutwara abantu n'ibintu mu ndege no gushishikariza ibihugu byo mu Karere kwitabira serivisi za ATL, bivuze ko hano twagira igicumbi cya serivisi zo gutwara abantu n'ibintu mu ndege, ari abava hano bahafatira indege cyangwa se bavuye mu bindi bihugu ku buryo bajya mu bihugu byabo ariko hano hakaba igicumbi cy'izo serivisi. Iyo ni imigabo n'imigambi yatugaragarije.

Hanyuma Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri koko nk'ibyo yatubwiye gutyo hari n'uko natwe tuzi ziriya sosiyete zari zisanzwe n'uburyo zikora wenda ibyo dushobora kubona byari bikwiriye kunozwa, ni ho twahereye tumugira inama nk'abagize Komisiyo.

Hari gukora igenamigambi ry'igihe kirambye rizafasha ATL kubona inyungu mu mirimo ikora yo gutwara abantu n'ibintu mu ndege, kunoza serivisi hagamijwe gusigasira isura nziza y'Igihugu. Izi serivisi zose ziramutse zitanzwe neza bikaba bigaragaza ko n'isura y'Igihugu yahungukira ari ugutwara abantu mu kirere, ari serivisi zindi zihabwa abakiriya koko hakanozwa serivisi kugira ngo iyo sura y'Igihugu ibe nziza muri rusange.

Kurushaho kumenyekanisha ATL kugira ngo abantu bamenye serivisi zayo kandi bazitabire biyizanire inyungu zitubutse. Ni ukuvuga ngo yakoresha ikoranabuhanga, itangazamakuru iki kigo koko gihuza ziriya sosiyete ziyishamikiyeho kikamenyekana kurushaho. Ariko ikindi twasubiyeho ni ukwita ku nama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu kuzuza uko bikwiye ibitabo by'ibaruramari, kubahiriza amategeko no kunoza imikorere n'imiyoborere bya ATL. Ibyo niba raporo z'Umugenzuzi Mukuru zitari zishimishije tukamugaragariza ko bari bakwiriye kubyitaho kugira ngo zizaze koko zigere ku gihe zaba ari ntamakemwa.

Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, muri rusange ni ibyo twagaragaje muri bimwe nabagaragarije umwirondoro, kugirana ikiganiro na we ndetse no kumugira inama, tugasanga rero mu isesengura ryacu Komisiyo imaze gusuzuma umwirondoro wa Bwana NDENGA Muheto Jules usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege (ATL) no kugirana na we ikiganiro yasanze afite ubumenyi, ubushobozi, ubunararibonye n'ubushake bizamufasha kuzuza inshingano ze mu gihe yakwemezwa n'Inteko Rusange ku mwanya w'ubuyobozi yasabiwe.

Tukaba rero tugira ngo tugeze ku Nteko Rusange umwanzuro tugaragaza ko Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari isaba Inteko Rusange kwemeza Bwana NDENGA Muheto Jules ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege ATL. Ndabashimiye.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Urakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo kuri raporo mumaze kugeza ku Nteko Rusange.

Ba Nyakubahwa muri uyu mwanya twafungura "liste" ya kabiri kugira ngo Abasenateri bifuza kubaza cyangwa gutanga ibitekerezo kuri iyi raporo babashe gusaba ijambo.

Kuri "liste" ya kabiri Abasenateri basabye ijambo ni Senateri BIDERI na Senateri HAVUGIMANA. Ijambo ni irya Senateri BIDERI.

**Senateri BIDERI John Bonds**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena, ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, mfashe uyu mwanya ngira ngo nshimire Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari kuri raporo nziza batugejejeho ariko n'inama nziza batanze ku Muyobozi usabirwa kwemezwa na Sena.

Nagira ngo nongere nshimire nanone uburyo batugaragarije amashuri uyu Muyobozi usabirwa kwemezwa yize ndetse n'ubumenyi yagiye avana hirya no hino nk'uko twabibonye ndetse no kuba yari amaze imyaka irindwi muri uyu mwanya ariko mu rwego rw'agateganyo, ni ibitwereka yuko afite ubushobozi, afite ubunararibonye nta n'uwashidikanya yuko inshingano n'umwanya asabirwa kujyamo ko atazabikora neza. Icyo cyizere rero dukwiriye kukigira kandi dushingiye ku byo batugaragarije azakora inshingano ze rwose mu buryo bushimishije.

Ikindi nagira ngo ngarukeho yenda kinakomeye cyane, ni uko Igihugu cyacu nk'uko tubizi ni Igihugu kidakora ku nyanja birumvikana rero yuko ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwashyize imbaraga nyinshi mu kubaka ubwikorezi bwo mu kirere. Iyo tureba ziriya "subsidiary companies" uko ari eshanu (5) zibumbiye muri ATL ni ibitwereka yuko ubuyobozi bwacu bureba kure cyane n'iyo unarebye "investments" zagiye zikorwa haba muri kiriya kibuga cy'indege cya Kanombe abakizi neza muri 1994 kari akabuga gatoya cyane. Iyo urebye rero indege zari zihari icyo gihe, ndibuka ko nagiye muri imwe ubanza ari muri 1996 kari akadege gato katwara abantu batarenze cumi na babiri (12).

Ariko uyu munsi iyo urebye uko ikibuga cy'indege kimeze n'umubare w'indege dufite uyu munsi, ni ibitwereka yuko ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bufite icyerekezo, bureba kure, ariko bunashingiye ku kibazo twebwe nk'Igihugu dufite nk'Igihugu kidakora ku nyanja kuko niyo haba hari ibibazo runaka byatuma tutagera ku nyanja dufite ubwikorezi bwo mu kirere ntabwo twahungabana.

Nagira ngo rero tubashimire cyane kuri iyi raporo mutugejejeho ngira ngo nongere ngaruke ku kantu kamwe kajyanye cyane cyane no kwigisha ibyerekeye gutwara indege. Iyo urebye "companies" zitwara indege nka *Ethiopian Airlines*, *Kenya Airways* bashoye imari nini cyane mu kwigisha abaturage b'icyo Gihugu kugira ngo bavemo aba "pilotes" bafite ubumenyi ndetse n'abashobora kuba bakanika indege mu gihe zagize ibibazo no gutanga serivisi zitandukanye zijyanye n'ubwikorezi.

Kuba rero twarashyizeho ishuri nk'iri ngiri, ntekereza ko ari "investment" nziza inareba kure cyane kugira ngo kiriya Kibuga cy'Indege cya Bugesera kizaba kimwe mu bibuga by'indege binini cyane muri Afurika, tuzashobore gutanga izo serivisi ariko ahanini zitangwa n'Abanyarwanda.

Nkaba rero nagira ngo nshimire Komisiyo kuri raporo nziza batugejejeho ariko ngira ngo nshimire n'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu ko bureba kure cyane kandi dufite icyizere yuko ubwikorezi bwo mu kirere serivisi zitangwa ku banyura muri iki Gihugu bakoresheje indege zacu, baciye ku kibuga cy'indege cya Bugesera bazishimira serivisi tuzabaha nk'Igihugu. Nagira ngo mbashimire rero Nyakubahwa Perezida wa Sena kuba mumpaye ijambo.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri BIDERI. Ijambo ni irya Senateri HAVUGIMANA.

**Senateri HAVUGIMANA Emmanuel**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Nanjye nari nsabye ijambo nshaka gushima raporo ya Komisiyo imaze kutugezaho kuri uriya mwirondoro w'uriya Muyobozi. Nongera kandi kuboneraho gushima nk'uko Honorable BIDERI amaze kubivuga intambwe Igihugu cyacu kimaze no kugeraho ku byerekeye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere.

Iyo urebye Umugabane wa Afurika, u Rwanda ruri mu mutima wa Afurika aho ruherereye, ku buryo u Rwanda rushoboye kuba ikibuga mpuzamahanga cyangwa ibibuga mpuzamahanga haba ahantu h'ihuriro ry'abantu bose bashaka kujya mu Burengerazuba, mu Majyaruguru, mu Majyepfo y'Umugabane wa Afurika ku buryo rwose Igihugu cyacu gifite "une position géographique" nziza ku byerekeranye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere, kikaba gifite ikibazo cy'uko kitagera ku nyanja ariko uburyo "transport" yo mu ndege ishobora kuba yafasha cyane kuri byinshi.

Ikindi rero, nk'uko Honorable BIDERI yari amaze kubivuga, ni ishema tugira iyo ugenze muri ziriya ndege ugiye mu mahanga, wumva bariya bakozi bakubwira mu Kinyarwanda n'Icyongereza. Ubundi twari tumenyereye ko muri *Ethiopian* batubwira ngo: "Amesegenallo!" "Amesegenallo" ni "merci" muri "Amharic". Ubwo rero iyo bavuze bati: "Murakoze" ukabyumva nawe mu ndege, wumva rwose biguteye ishema, ni ikintu gishimishije.

Buriya rero njyewe nkunda kuganira ku by'amateka. Mu mwaka wa 1967 hari igihugu cy'igihangange, ntari buvuge izina, cyasabye ko mu Bugesera bahashyira "base militaire" yabafasha kumenya, yabafasha gukontorora (contrôler) ibihugu bya Afurika.

Hanyuma rero abasesenguzi bajya bavuga yuko ari zimwe mu mpamvu zatumye Grégoire KAYIBANDA avaho kubera ko yarabangiye. Yarabahakaniye noneho bareba ukuntu bazamukuraho. Byibura, singiye kurondogora byinshi ariko murumva namwe ni ahantu hashimishije. Ni ahantu hashimishije benshi baba bifuza kugira ijambo nk'uko mubizi n'Igihugu cya Djibouti kimeze gifite ahakontorora (contrôler) Afurika na Aziya, usanga ari isibaniro ry'ibihugu byose bikomeye.

Reka rero nsoze nkosora akantu gato nabonye kuri “slide” mwabonye, nta na hamwe mwigeze musobanura ATL icyo bivuga. “Entre parenthèses” mwanditse ngo “article of association,” icyo kintu cyanyobeye. Niba mubyemeye Nyakubahwa Perezida wa Sena iyo “slide” mwayisubizaho mukayibona bakayikosora, “article of association” muri “slides” zibanza. Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Urakoze Senateri HAVUGIMANA. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo mwatanga ibisubizo ku bibazo…, urebye si n’ibibazo byabajijwe, ibyinshi ni ibitekerezo byatanzwe. Mwagira icyo muvuga ku bitekerezo byatanzwe.

**Perezida wa Komisiyo y’Iterambere ry’Ubukungu n’Imari, Senateri NSENGIYUMVA Fulgence**

Nongeye kubashimira Nyakubahwa Perezida wa Sena. Nagira ngo nshimira ba Honorable bafashe ijambo. Icyiza kirimo ni uko bashyigikiye raporo, bakaba banatanze ibitekerezo by’uko koko nk’uko bigaragara Igihugu cyacu kireba kure. Nk’uko babivugaga, Igihugu cyacu ntabwo kigera ku nyanja, gushaka rero ubundi buryo noneho butuma twagera mu bindi bihugu ibyo ngibyo ntibibe imbogamizi ikomeye.

Nagira ngo rero Honorable BIDERI washyigikiye raporo, turamushimira nanone kiriya kintu cyo guhugura no kwigisha ibyerekeranye no gutwara indege, koko hariho ubu ngubu *Akagera Aviation Academy*. Abantu biga ibyerekeranye no gutwara indege bikorera mu Gihugu aho kugira ngo tubajyane *Qatar* bajye kwigayo bagaruke, bizakorerwa mu Gihugu ni yo “plan” iriho kugira ngo koko tugire kwigira ku bakozi bo muri urwo rwego. Ni ikintu rero koko natwe dushima ku mirebere ya kure, kureba kure kw’Igihugu cyacu.

Honorable HAVUGIMANA na we turamushima, yashimye raporo. Akaba yagaragaje ko u Rwanda ruri, rwaba ari umutima wa Afurika koko ni byo ruri hagati. Kuba rero koko rwaba ihuriro ry’Umugabane wa Afurika ni byo twigeze kuvuga, nko mu migambi y’uyu muyobozi usabirwa kwemezwa avuga ati: “Abantu bose b’Akarere duherereyemo baje gufatira indege mu Rwanda cyangwa se bava ahandi bakaza mu Rwanda bagiye mu bihugu byabo, murumva ko cyaba ari igicumbi cy’izo serivisi zo gutwara indege tuvuga.” Ariko nanone hakaba cya kintu cyo kunoza serivisi zitangwa, zikaba ari serivisi zinoze koko abantu bakazishimira ku buryo baza bazigana.

Ikintu rero Honorable HAVUGIMANA yavugaga kuri ATL, ATL ubundi ni “Aviation Travel and Logistics holding limited.”

Aha mubona “article of association,” ni aya mabwiriza yagaragazaga ko ATL ibayeho “Article of association.” Ariko ATL ni “Aviation Travel and Logistics holding limited”.

Numva ari ibyo ngibyo navuga Nyakubahwa Perezida wa Sena kuri ibi bitekerezo bari batanze. Ndabashimiye cyane.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo. Twaha n'ijambo Visi Perezida wa Komisiyo kugira ngo na we agire icyo abunganiraho.

**Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Nanjye ndashima ba Honorable bashimye raporo, bagashima no kureba kure kw'Igihugu cyacu ku bimaze kugerwaho mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere.

Nagiraga ngo nongereho izindi nkuru nziza nyinshi zihari ni uko uyu Muyobozi yatubwiye ko kugeza ubu ngubu na "strategic plan" nshyashya ya ATL yamaze gukorwa kandi ubu yagejejwe muri "Cabinet."

Ikindi mwashimye kandi natwe twashimye ni ukuba Igihugu cyarahisemo umufatanyabikorwa ukomeye nka *Qatar*, kuko no guhuza ziriya sosiyete Qatar yo kugira ngo ibe icyo iri cyo uyu munsi yahuje cumi n'eshatu (13). Murumva ko tuzigira ku mugabo kandi tugafatanya n'umugabo kugira ngo natwe tube abagabo.

Ikindi kuri ririya shuri ry'*Akagera Aviation*, batugaragarije ko n'ingengo y'imari mu byerekeye kuryubaka ryose ihari kandi ntabwo bazigisha gusa aba "pilotes," bazigisha abakora imirimo yose yo gutwara abantu n'ibintu mu kirere yose uko iba ihari kugera no ku ba "hôtesses" no ku ba "planners" bose iryo shuri rizabigisha. Ariko nanone ba Nyakubahwa no muri bwa bufatanye na Qatar ni uko kubera ko twe dufite indege nkeya, "théories" nyinshi bazazigira hano ariko noneho "pratiques" hari izo bazajya bajya gukora muri Qatar kubera ko twebwe tudafite indege zihagije.

Rero icyerekezo ni cyiza nk'uko mwagishimye kandi natwe twabashije kuganira n'uriya Muyobozi ndetse tukaba twarasomye n'amategeko n'imikorere ya ATL, turi kubona ko n'ikindi gisubizo cyiza ari kiriya kibuga "international", nk'uko abenshi babivuze. Kuko no mu kiganiro na we yatugaragarizaga ko hari byinshi tutabasha gukora ku kibuga gitoya nka kiriya.

Ibikorwa byinshi rero nitumara kugira ikibuga kinini, naho inyungu izaba igaragara. Murakoze Nyakubahwa Perezida.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Visi Perezida wa Komisiyo.

Ba Nyakubahwa nyuma yo guhabwa ibisobanuro ku byari byabajijwe kuri "liste" ya kabiri, twafungura "liste" ya gatatu.

Kuri "liste" ya gatatu, abashaka kubaza hari Senateri KANZIZA na Senateri RUGIRA. Ijambo ni irya Senateri KANZIZA.

**Senateri KANZIZA Epiphanie**

Murakoze cyane Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa ijambo. Ndashimira raporo tumaze kugezwaho, nkanashima n'uburyo ki umukandida, njye ndashyigikira ko umukandida ni umukandida mwiza watoranyijwe. Ariko nagize akabazo nshingiye no ku nama yagiriwe, yagiriwe inama yo kubahiriza inama zitangwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ndetse Komisiyo igaragaza n'ahazashyirwa imbaraga. Njye nahise nibaza ese ko yari muri uriya mwanya nk'umuntu w'agateganyo bajya kumugira ziriya nama yari yagaragaje ko imbogamizi zatumaga biriya bitabo bituzuzwa neza zari izihe? Ese buriya byaterwaga n'uko atari ari we mukuru ni cyo kibazo nagize. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Urakoze Senateri KANZIZA. Ijambo ni irya Senateri RUGIRA.

**Senateri RUGIRA Amandin**

Murakoze Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo. Nanjye nagira ngo nshime raporo twagejejweho, nanashime kandi n'ibyo bagenzi banjye bayivuzeho kuko gushyiraho uriya Muyobozi mu buryo bwuzuye atari ubw'agateganyo ni ibintu by'ingenzi cyane kuko nk'uko mubizi turi muri "competition," hari *Kenya Airways* hari *Ethiopian Airlines* kandi turi no mu Karere kamwe. Ni ukuvuga ngo umuyobozi najya mu kazi yumva ari "full" mu kazi, muri "responsabilité", nkeka ko bizatuma akora neza kurushaho kandi n'iyo "competition" tukayijyamo koko.

Nari mfite akabazo gatoya ariko kuri CV (curriculum vitae), sinshidikanya ko ariya mashuri atayize ariko iyo uyisomye, ubona yarabaye "ingénieur" mu mwaka umwe 1996-1997,nkeka ko hari ikintu kitanditse yibagiwe. Niba bishoboka rero, ndumva niba izi nyandiko tuzibika, byakabaye byiza tubitse CV yanditse neza kandi yuzuye.

Numva rero nasaba ko basaba umukandida agakosora CV, bikumvikana neza ko yakoze "ingéniorat" mu bwubatsi kuko nkeka ko mu mwaka umwe utayikora. Murakoze cyane.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri RUGIRA. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo mwatanga ibisubizo ku bibazo byabajijwe na ba Nyakubahwa Basenateri.

**Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, Senateri NSENGIYUMVA Fulgence**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ndongera gushimira ba Honorable bafashe ijambo kuri "liste" ya gatatu. Honorable KANZIZA arashima raporo natwe turabibushimira ariko akagaragaza ko ku nama twatanze ni ukugira ngo hanozwe kubahiriza raporo zigaragazwa n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, ni byo koko tubigarutseho tuganira na we ni uko mu kubona iby'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta atanga muri raporo, iki Kigo cyagaragazaga yuko kidatanga "financial report," "donc" icyo kintu kikaba kigaragara muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru nk'uko akunze kubigaragaza.

Ikindi no kutubahiriza inama Umugenzuzi Mukuru atanga ngira ngo hari ubwo ibigo bitandukanye bigaragara gutyo. Akaba ari byo tuvuga tuti nyamuna n'ubundi wajyaga ubikora kuki ibyo bintu bidakorwa! Buriya imigabo n'imigambi avuga, ni uko ibyo bintu yabyitwararika ku buryo byakemuka, ibyo bintu ntibihore bisubira bigaruka muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta. Ni izo impungenge twagaragazaga yuko n'inama Ikigo kigiriwe ko zitubahirizwa uko byakagombye. Ngira ngo ni icyo ngicyo nabivugaho.

Honorable RUGIRA na we arashima raporo ni byiza ko mwayishimye nk'uko n'abandi ba Honorable babigize. Ku byerekeranye na "compétition" ni byo koko, kunoza "services" uko twabivugaga, gukora ayo mahugurwa nk'uko twabivuze y'abakora mu nzego z'imirimo yose yo gutwara abantu n'ibintu mu ndege, gushyiraho uburyo bunoze bwo kugira ngo serivisi zibe nziza, ni ya "compétition" turimo tugira n'izi za "companies" zose ari: *Kenya Airways*, ari Ethiopian Airlines zose n'izindi ni aho ngaho biganisha.

Ku byerekeranye na CV, koko nk'uko mwabivuze, uko bigaragara muri CV ye yatanze Nyakubahwa Perezida wa Sena yatugejejeho bivuye kwa Nyakubahwa Premier Ministre, bigaragara ko "ingéniorat" yayikoze muri 1996-1997. Ariko mu kuganira na we, ubwo urumva ntabwo twari kubihindura ariko "information" dufite, afite "ingéniorat" muri "Construction" nk'uko bigaragara. Ngira ngo hari abantu hano bari bahari muri za 1994 – 1995 Université y'u Rwanda yatangiye muri 1995 mu ntangiriro hafi mu kwezi kwa kane ku buryo rero umwaka wa 1995 wabaye nk'aho ari "académique" 1994-1995. Akaba yarize rero imyaka itatu muri SCAP, Sciences appliquées, ingéniorat en construction 1995 1996-1997 ni bwo yarangije imyaka itatu. Ni bwo rero yabaye "Technical engineer in Construction."

Hanyuma aza gukora Masters nk'uko mubibona mu Gihugu cy'u Bwongereza. Iyo rero "confusion" koko yagaragaye mu myandikire kuri CV ariko na "Diplôme" ye turayifite ari "Diplôme" ya "ingéniorat" yo muri "Universite Nationale du Rwanda," ari Diplôme ya Masters yakuye mu Bwongereza.

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo ku bisobanuro mutanze, ku bibazo cyangwa ku byari byabajijwe kuri "liste" ya kabiri n'iya gatatu.

Nyuma y'ibyo rero ba Nyakubahwa nkaba ngira ngo mbasabe ko dufata icyemezo kuri raporo Komisiyo imaze kutugezaho. Icyemezo kirafatwa binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Ndibutsa ko turi Abasenateri 25, nkaba ngira ngo mbasabe ko dutorera iyi raporo.

Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NDENGA Muheto Jules usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege, yemejwe n'Abasenateri 25, ntawayanze, ntawifashe, nta n'imfabusa yagaragaye. Nkaba mbashimira.

Ba Nyakubahwa nyuma yo gufata icyemezo kuri raporo, turakurikizaho gufata icyemezo ku mwanzuro Komisiyo yagejeje ku Nteko Rusange ku ishyirwaho rya Bwana NDENGA Muheto Jules ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege. Umwanzuro uremezwa nanone binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari. Ndagira ngo mbasabe dutorere umwanzuro.

Umwanzuro ku ishyirwaho rya Bwana NDENGA Muheto Jules ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege, wemejwe n'Abasenateri 25, ntawawanze, ntawifashe, nta n'imfabusa yabonetse. Murakoze ba Nyakubahwa.

Ubwo Inteko Rusange yemeje ishyirwaho rya Bwana NDENGA Muheto Jules ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu mu Ndege.

Tukaba dushimira Biro ya Komisiyo n'abandi bagize Komisiyo kuri raporo batugejejeho, tukaba kandi tubashimira namwe ba Nyakubahwa mwese ku bitekerezo mwatanze kuri raporo Komisiyo yagejeje ku Nteko Rusange.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, ingingo yari kuri gahunda y'inama y'Inteko Rusange tumaze kuyisuzuma, inama y'uyu munsi rero ikaba irangiriye aha.

Igihe inama y'Inteko Rusange itaha izabera mukaba muzabimenyeshwa.

Mugire rero umugoroba mwiza! Mwakoze.

Inteko Rusange yashoje imirimo yayo i saa cyenda n'iminota mirongo itatu n'icyenda (15h39).

**MIGAMBI Joseph**
Umwanditsi

**Dr. UMULISA Yvonne**
Umunyamabanga Mukuru wa Sena

**Dr. KALINDA François Xavier**
Perezida wa Sena